**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA ITEGURA IKIGANIRO MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YAGIRANYE N'ABANYAMAKURU BA RADIO-RWANDA N'ABA KINYAMATEKA KUWA KANE TALIKI YA 25 NYAKANGA 1985.**

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-= =-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Inama itegura ikiganiro Ministri yagiranye n'abanyamakuru, kerekeye umunsi w'urubyiruko yateraniye muli Ministeri kuwa gatatu taliki ya 24 Nyakanga 1985.

Iyo nama ikaba yali igamije gutegura ikiganiro cyahise ku cyumweru taliki ya 28 Nyakanga 1985, kerekeye gusubiza amaso inyuma tukareba ibimaze kugerwaho mu mezi alindwi tumaze dutangiye umwaka w'urubyiruko n'iyizihizwa ly'umunsi w'urubyiruko uzaba k'uwambere Kanama 1985.

Abali mu nama: Usibye Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative wali uyoboye iyo nama, halimo kandi na:

- MUNYAMBARAGA Narcisse, Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
- MBATEYE Thomas, Umuyobozi Mukuru wa za Koperative muli MIJEUCOOP
- BAYIGAMBA Adalbert, Umuyobozi w'Imishinga muli MIJEUCOOP
- KAREKEZI Epimaque Umukozi muli MIJEUCOOP
- KOLINE Etienne: Umuhinzi, mworozi
- BUHIGIRO Alphonse, Umukozi muli MINIMART
- MUNYAMPUNDU Célestin
- MUKAKAMANZI Emelienne: Guide
- NYIRAMAJORO Espérence, Umukozi muli MIJEUCOOP
- SIMBURUDALI Théodore, Umunyamakuru muli Kinyamateka
- MUKARUTAMU Cécile, Umukuru w'Abasaveri
- Abbé Jean CABAS, Aumônier Jeunes action catholique
- NSABIMANA Bernard, Umunyeshuli mu Kiruhuko
- SENKWARE Célestin, Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative (BYUMBA)
- HAKIZIMANA Evariste, Umukozi muli ONAPO
- BAZIHIZINA Cléophas, Umukozi, muli MINAGRI
- NTEZIMANA Aloys, Umunyamakuru kuli Radio-Rwanda
- HAKIZIMANA Protais, Umukozi muli MINESUPRES
- BISENGIMANA Paul, Burugumestri wa Komine GIKORO
- UGIRASHEBUJA Bonaventure, KARANE-NGUFU (J.O.C.)
- BANGAMBIKI, Umwigisha
- RUZAGILIZA Oscar, Umukozi muli MIJEUCOOP.

Mw'ijambo Ministri yavuze atangiza iyo nama, yibukije ko mu ntangiliro z'uyu mwaka kw'italiki ya 25 Mutarama 1985 yagiranye ikiganiro n' banyamakuru, muli icyo kiganiro akaba yaravuzemo programu ikubiyemo intego n'ibikorwa bya Ministeri muli uyu mwaka w'urubyiruko.

.../...

- Bitewe n'uko Studio ali imwe, kuko izindi zili gusanwa, akaba aliho bafatira ibiganiro bya Radio-Rwanda kandi bakanahatangira n'amakuru, byabaye ngombwa ko igihe icyo kiganiro cyamara kitarenza isaha n'igice.
- Naho kubazagirana icyo kiganiro na Ministri ntibagomba kurenga 15 ushyizemo n'Abanyamakuru, kuko icyumba gifatirwamo amajwi (studio d'enregistrement) kitarenza imyanya 15.
  Ibyo rero byatumye bamwe mubagombaga guhagaralira izindi nzego z'imilimo zirebwa n'ibibazo by'urubyiruko badashobora kuza, abali mu nama bemeza ko byaba byiza ubwa mbere umwanya uhaliwe urubyiruko, ababyeyi ndetse n'abarushinzwe ku bulyo butaziguye, noneho ubutaha Ministri akazongera akagira ikindi kiganiro hamwe n'izindi nzego z'ubutegetsi zirebwa n'icyo kibazo aliko zitashoboye kuza.

Kubera izo mpamvu rero, mucyiciro cya mbere, uretse abanyamakuru, inama yemeje ko Ministri yaherekezwa n'aba bakulikira:
- Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko muli Ministeri
- Bururugumestri wa Komine GIKORO
- KARANE-NGUFU
- UMUNYESHULI wo mu mashuli yisumbuye
- Umubyeyi w'umugabo
- Umubyeyi w'umugore
- Uhagaraliye umulyango w'abasaveri
- Umukobwa wo mu mugi
- Umwe mu bahungu bo mu mugi
- Umuhinzi-Mworozi
- Uhagaraliye ONAPO
- Umujyanama w'imilyango y'urubyiruko Padri CASAS
- Uhagaraliye abigisha bo mu mashuli abanza.

Inama yarangije imilimo yayo sa kumi n'igice abo bavuzwe haruguru bamaze guhana umugambi wo kuzahulira kuli Radio-Rwanda kuwa kane sa mbili n'igice.

Umwanditsi:
- RUZAGILIZA Oscar

Umuyobozi w'Inama:
Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Lt Col BEM.

Diffusion
Chef de service au MIJEUCOOP (TOUS)